

**IJAMBO RYA NYAKUBAHWA MADAMU JEANNETTE KAGAME  
MURI GAHUNDA Y'IGIHUGU YO KWIHUTISHA KURANDURA  
INDWARA Y'UMWIJIMA YA HEPATITE C.**

**Kigali Convention Center, 31 Nyakanga 2019**

**Banyakubahwa ba Minisitiri,**

**Bayobozi mu nzego zitandukanye,**

**Abahagarariye Urugaga rw'Abikorera mu Rwanda PSF,**

**Nyilicyubahiro Musenyeri Philipe Rukamba,**

**Abagize Urugaga rw'Amadini n'Amatorero muri Rwanda  
Interfaith Council,**

**Esteemed Partners,**

**Banyacyubahiro muteraniye hano,**

**Mwiriwe neza!**

Ubusanzwe muri aya masaha abenshi baba bamaze gusoza akazi, bakajya mu zindi gahunda zireba umuntu ku giti cye, zirimo kwita ku muryango, inshuti n'ibindi.

Nagira ngo mbashimire ko mwigomwe uyu mwanya, kugira ngo dutekereze ku bukungu bwihariye bw'u Rwanda ari bwo Abanyarwanda.

By'umwihariko, nagira ngo dushimire abateguye iki gikorwa, kuko badufashije kongera gutekereza ku Munyarwanda ufite roho nzima mu mubiri muzima, akabaho neza, atekanye, mu Rwanda Twifuza!

Abatuganirije mbere batweretse ko abantu bafite hejuru y'imyaka 50 ari bo bibasiwe cyane na Virusi ya Hepatite C. Dutekereje neza,

turabona ko abantu bari muri iki cyiciro, bagize igice cy'imbaraga **zuubatse** uru Rwanda mu myaka makumyabiri n'itanu (25) ishize.

Birumvikana rero dukwiye kwishakamo igisubizo cyihuse, gishoboka kandi kirambye; kugira ngo **Turinde, Tuvure kandi Turandure Virusi itera Hepatite C.**

Muri raporo iherutse y'Umuryango w'Abibumbye uharanira Ubuzima kw'Isi (WHO), hatangajwe ko **abantu barenga miliyoni mirongo irindwi n'imwe (Miliyoni 71)** aribo barwaye indwara ya Hepatite C ku isi yose.

Tugira amahirwe nk'Abanyarwanda ko, ubuyobozi bw'igihugu cyacu bwatekereje uburyo bwihuse bwo gufasha Abanyarwanda kwisuzumisha no kwivuza. Bityo umaze kumenya ko afite Virusi ya Hepatite C afashwa kubona imiti ku gihe.

Mu nshamake, Minisiteri y'Ubuzima yatugaragarije ko hakenewe ubushobozi bwo kwita ku bantu bagera kuri kimwe cya gatatu (4,000,000) cy'abaturage b'u Rwanda, tudategereje igihe bamaze kuremba. Mu buhamba twumvise kandi bw'abakize Hepatite C, twabonye ko bishoboka.

Twumvise twese uko byari bigoye, nta bushobozi ariko igiteye ubwoba kurushaho ni uko nta n'icyizere bari bafite cyo kuzakira. Nkuko bigaragazwa n'ubushakashatsi, mbere ya 2012 abatuye isi bose bari baziko nta muti cyangwa urukingo rw'iyi ndwara.

Muri ya mitekereze y'uko ubukungu bukomeye bwa mbere bw'u Rwanda ari Abanyarwanda, nagira ngo mumfashe dushimire Ubuyobozi bw'Igihugu cyacu, butwibutsa iteka ko dukwiye gushyira hamwe, kugira ngo dukomeze gusigasira ubwo bukungu bwacu – Abanyarwanda.

Ubuyobozi bw'igihugu cyacu kandi ntibwaciwe intege n'uko kwivuza indwara ya Hepatite C byari bigoye cyane, kuko umuti wabonetse utinze, naho ubonekeye uboneka uhenze cyane.

Turishimira ko ubu Abanyarwanda bafite uburyo bwo kwivuza ku giciro kiri hasi, ugereranyije n'ahandi ku isi.

Iyo dushaka igisubizo, tujye twibuka guhera ku byo twabashije kugeraho bitadusabye ikiguzi kinini.

Nagira ngo nifashishe urugero rwa '*Sport kuri Bose*',tumaze kumenyera, dukora kabiri mu kwezi.

Biri bunyorohere guhera kuri uru rugero, kuko turi kumwe n'abakozi, abikorera ku giti cyabo n'abandi bakora ingendo za buri muni.

Tuvuge ko igiciro cya lisansi ari amafaranga 1000 y'u Rwanda kuri litiro. Umuntu abashije gukora urugendo rw'amaguru rungana na kilometero eshanu (5km) ku muni, yabasha kuzigama amafaranga y'u Rwanda ari hagati ya magana atanu n'igihumbi ku muni. Yatakaza kandi calories 325 ku muni.

Mu gihe kingana n'amezi atatu (igihembwe kimwe) yaba ateye ibuye rimwe akica inyoni ebyiri nk'uko bijya bivugwa:

1. Waba ugenze ibirometero magana ane mirongo itanu (450km), ugatakaza calories maze bikagufasha kwirinda indwara zitandura (NCDs), kuko kwirinda biruta kwivuzwa.

2. Waba ubashije kuzigama amafaranga y'u Rwanda ibihumbi mirongo icyenda (90,000 Rwf) bingana n'ikiguzi cyo kuvuzwa umuntu umwe ufite Virusi ya Hepatite C, kugeza akize.

Bityo ukaba ugize uruhare rukomeye mu kubumbatira bwa bukungu bwihariye bw' u Rwanda aribwo Abanyarwanda.

Uru ni urugero ntekereza ko rushobora korohera benshi, ariko buri wese yatekereza ubundi buryo bumunogeye.

**Ku bafatanyabikorwa** bacu mwese muri hano, murabizi ko mu cyerekezo cy'iterambere igihugu cyacu gifite, muri amaboko akomeye yunganira Guverinoma y'u Rwanda.

Nagira ngo mumfashe dushimire Ibihugu n'Imiryango mpuzamahanga dufatanya mu iterambere, Abikorera, Imiryango itari iya Leta, Amadini n'Amatorero, tutibagiwe umuturage ku isonga.

Mbere yo gusoza, munyemerere ngire icyo mbwira abo turi kumwe batumva ururimi rw'ikinyarwanda,

**Esteemed partners,**

I would like to thank you for your continuous commitment towards empowering our Rwandan communities so we can have healthier lives.

Your support towards the fight against Hepatitis C has led to significant strides such as one million (1,000,000) Rwandans already screened, and fifteen thousand (15,000) people treated and cured, as a part of our country's 5 year control and elimination plan.

This accomplishment demonstrates that we are indeed, heading in the right direction.

The elimination of Hepatitis C is a fight that we are yet to claim victory over, but it is one that we can successfully accomplish, with the continued partnership of all stakeholders, from the public to the private spheres.

Dukomeze kubaka u Rwanda Twifuza, duharanira ko Umunyarwanda agerwaho na serivisi zose z'ubuzima.

***Turinde, Tuvure, Turandure burundu Virusi ya Hepatite C kandi birashoboka. Because 'Rwanda Cares'.***

Murakoze!